

## Ukuboza 2016

*“Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwan w’ umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye: azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’ amahoro” (Yesaya 9:6).*



Bene Data b’ Abanyamasengesho,

Mbega umunezero kwizihiriza hamwe namwe ukuvuka k’ Umwami wacu Yesu Kristo!

Mu gihe dutangira amasengesho yacu y’ ukwezi k’ Ukuboza, ndagusaba kugira ngo wibuke gusengera imiryango n’ inshuti bataramenya Yesu nk’ Umukiza wabo.

Ndabizi neza ko hari ibihe tureba ibintu uko bimeze kw’ isi, dushobora gutakaza ibyiringiro ko ibintu bishobora guhinduka. Dushobora no kugeragezwa no guta ibyiringiro cyangwa se ko Imana yumva amasengesho yacu. Cyakora nizera ko amasengesho arimo ibyiringiro niyo gisubizo cyo kutarambirwa. Mu kwizera twizera ko Imana yumva iba ihari kandi ko iba hafi ya babandi bafite imitima imenetse. Mu kwizera, twizera ko igihe turi hamwe dusenga Imana iba ihari.

Abagore dusenga twizera ko amasengesho yacu ashobora gusubizwa no mu gihe tudashobora kureba ibisubizo dukoresheje amaso y’ umubili. Tuzi ko no mu gihe dushobewe tutazi icyo twashobora gukora, dusenga Imana yo izi byose ndetse ariyo ishobora gukora byose kugira ngo isohoze umugambi wayo. Iyo duhuye n’ ibitugerageza inshuro nyinshi, turasenga, twizeye ko dushobozwa byose na Yesu uduha imbaraga. Ntabwo tugomba gucika intege kuko muri Yesu urukundo rwe ruhora ari rwarundi ejo, uyu muni ndetse n’ ibihe byose.

Urakoze cyane kubwo Umwaka Mwiza w’ amasengesho. Igihe cyawe kitabarika witanze cyakoze ku mutima wanjye cyanee. Ndabona undi mwaka wuzuye ibyifuzo byo gusengera aho tuzagaba ibitero ku marembo/miryango y’ ijuru ubwo amajwi azaba ashyira hejuru Izina rya Yesu kw’ isi yose. Urakoze kwizera no gusenga Imana iri hafi cyane no gutegera amatwi amarira y’ abakobwa bayo.

Urakoze na none kubwo gukomeza kwitanga, nizera ko Imana ihari kandi ishobora gukora byinshi ndetse kuruta ibyo twebwe dushobora gutekereza (Abefeso 3:20). Noneho komeza gusengera ubuyobozi bw’ Imana n’ icyerekezo ubwo tugiye kwinjira mu mwaka wundi wo gukorera Imana yacu tuyikiranukira, tuyisenga kugira ngo izane abandi benshi n’ abanyamasengesho benshi cyane bafatanye natwe muri uyu mwaka utangira.

Muri we imitima yacu irahimbaza,

Peggy Banks,  
Umuyobozi kw’ isi wa  
Project Hannah